(v) n'ikindi urwego rugaragaza ko ari ingwate mu by'imari rukoresheje amabwiriza cyangwa umurungo ngenderwaho; (p) «inyandiko z'agaciro» bivuga impapuro z'agaciro hakubiyemo – (i) imigabane mu mari shingiro y'isosiyete yitwa “imigabane” muri iri tegeko; (ii) inyandiko ishyiraho cyangwa yemeza umwenda itanzwe cyangwa yasezeranyijwe gutangwa, muri iri tegeko yitwa “inyandiko nyemezamwenda” hakubiyemo – (A) inyandiko mvunjwafaranga; (B) inyandiko y'imigabane nguzanyo; (C) inyandiko y'umugabane nguzanyo wishingiwe; (D) inyandiko y'inguzanyo ngwatirizamigabane; (E) icyemezo cy'ibitsa; (F) urupapuro rw'agaciro rucuruzwa;	(v) anything else that the Authority by regulation or directive specifies to be collateral or financial collateral; (p) “securities” means financial instruments, including – (i) shares in the share capital of a company and referred to in this Law as “shares”; (ii) any instrument creating or acknowledging indebtedness that is issued or is proposed to be issued and referred to in this Law as “debt securities” and includes – (A) bonds; (B) debentures; (C) debenture stock; (D) loan stocks; (E) certificates of deposit; (F) commercial paper;	(v) tout autre élément que l'Autorité désigne, par règlement ou directive, comme constituant une garantie ou une garantie financière ; (p) « titres » signifie les instruments financiers, y compris – (i) les actions du capital social d'une société et dénommées « actions » dans la présente loi ; (ii) tout instrument constatant ou reconnaissant une dette, émis ou destiné à être émis, dénommé « titres de dette » dans la présente loi et comprend – (A) les obligations ; (B) les débentures ; (C) les débentures-actions ; (D) les titres de prêt ; (E) les certificats de dépôt ; (F) le papier commercial ;
--	---	---

(G) inyandiko mpeshamwenda zitangwa na Leta ya Repubulika y'u Rwanda;	(G) treasury bills issued by the Government of the Republic of Rwanda;	(G) les bons du trésor émis par le Gouvernement de la République du Rwanda ;
(H) inyandiko nyemezamwenda, harimo inyandiko nyemezamwenda zishyurwa nyuma y'izindi kandi zidashingiye ku ngwate ireba umutungo wose w'ubereyemo abandi imyenda zitangwa n'ucunga iby'abandi w'umwuga ku birebana n'ikigega cy'ubwizerane;	(H) debt securities, including subordinated and limited recourse debt securities issued by a trustee in respect of a trust;	(H) les titres de dette, y compris les titres de dette subordonnés et à recours limité émis par un fiduciaire dans le cadre d'une fiducie ;
(I) indi nyandiko ishyiraho cyangwa yemeza umwenda uriho cyangwa uteganyijwe;	(I) other instrument creating or acknowledging a present or future indebtedness;	(I) autre instrument constatant ou reconnaissant une dette présente ou future ;
(J) inyandiko ngaragazamwenda, inyandiko mvunjwafaranga zitanzwe n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage n'izindi nyandiko zemeza cyangwa zemera umwenda zitanzwe na Leta cyangwa mu izina ryayo, izitanzwe na Banki Nkuru y'u Rwanda, cyangwa ikigo cya Leta;	(J) loan stock, bonds, municipal bonds, and other instruments creating or acknowledging indebtedness issued by or on behalf of the Government, National Bank of Rwanda, local government or public institution;	(J) les titres de prêt, les obligations, les obligations municipales et autres instruments constatant ou reconnaissant une dette émise par ou pour le compte du gouvernement, de la Banque nationale du Rwanda, du gouvernement local ou d'une institution publique ;
(K) uburenganzira, ubwumvikane ku igura cyangwa inyandiko, byaba biri mu buryo bw'uburenganzira	(K) rights, options or instruments, whether described as interests, participations, entitlements, or	(K) les droits, options ou instruments, qu'ils soient décrits comme des parts sociales, des participations,

ku migabane, uburenganzira ku mutungo, ubwishyu umuntu afitiye uburenganzira, cyangwa biri mu bundi buryo, ku birebana n'iyoy migabane, inyandiko ngaragazamwenda, inyandiko z'agaciro za Leta cyangwa iz'ikigo cya Leta, n'izindi nyandiko z'agaciro; (L) uruhare ku mutungo, cyangwa uburenganzira ku mutungo byaba biri mu buryo bw'inyandiko cyangwa bisanzwe bidafatwa nk'inyandiko z'agaciro; (M) uburenganzira bushingiye ku nyandiko nyemezamigabane ku birebana n'imigabane, inyandiko nyemezamwenda, n'inyandiko zitanga uburenganzira bwo kugura imigabane, byitwa "inyandiko nyemezamigabane" muri iri tegeko; (N) uburenganzira bwose bukomoka ku nyandiko zitanga uburenganzira bwo kugura imigabane cyangwa z'ubundi buryo, ubwo burenganzira bukabwa bwerekeye gufata imigabane cyangwa inyandiko nyemezamwenda,	otherwise, in respect of such shares, debt instruments, government and public institution securities, and any other securities; (L) interests, rights or property, whether in the form of an instrument or not commonly known as securities; (M) rights under any depositary receipt in respect of shares, debt securities and warrants, referred to as "depositary receipts" in this Law; (N) any right conferred by warrant or otherwise to subscribe for shares or debt securities, referred to as "warrants" in this Law, and may relate to current or future rights or securities;	des droits ou autres, relatifs à ces actions, instruments de dette, titres d'État et d'institutions publiques et tous les autres titres ; (L) parts sociales, droits ou biens, sous forme d'instruments ou non, communément connus comme titres ; (M) les droits découlant de tout certificat de dépôt relatif à des actions, des titres de dette et des bons de souscription, dénommés « certificats de dépôt » dans la présente loi ; (N) tout droit conféré par un bon de souscription ou autre pour souscrire des actions ou des titres de dette, dénommés « bons de souscription » dans la présente loi, et qui peut concerner les droits ou les titres actuels ou futurs ;
--	---	--

byitwa “inyandiko zitanga uburenganzira bwo kugura imigabane” muri iri tegeko, kandi bikaba bishobora kuba bijyanye n’uburenganzira cyangwa inyandiko z’agaciro biriho cyangwa bizabaho nyuma; (O) amasezerano ateganya igura rikorwa nyuma yerekeye inyandiko z’agaciro cyangwa indi mitungo; (P) ibyemezo bigaragaza inyandiko z’agaciro cyangwa ubundi burenganzira cyangwa inyandiko bitanga uburenganzira bushingiye ku masezerano cyangwa ku mutungo ku birebana n’inyandiko z’agaciro zifitwe n’undi muntu utari uwo icyemezo cyangwa inyandiko byeguriye ubwo burenganzira, kandi ihererekanya ryabyo rikaba rishobora gukorwa ritabanje kwemerwa n’uwo muntu; (Q) ibice fatizo by’imigabane cyangwa imigabane yishyuwe mu kigega cy’ishoramari cy’abishyize hamwe, harimo imigabane mu isosiyete y’ishoramari cyangwa mu kigega cy’ubwizerane gikora	(O) forward contracts relating to securities, other assets or property; (P) certificates representing any securities in other rights or instruments that confer contractual or property rights in respect of any securities held by any person other than the person to whom the rights are conferred by the certificate or instrument and the transfer of which may be effected without the consent of that person; (Q) units or participations in a collective investment scheme, including shares in an investment company or investment trust, contractual co-investment rights, or in a managed investment	(O) les contrats à terme portant sur des titres, d’autres actifs ou biens ; (P) les certificats représentant des titres ou d’autres droits ou instruments qui confèrent des droits contractuels ou patrimoniaux sur des titres détenus par une personne autre que celle à qui les droits sont conférés par le certificat ou l’instrument et dont le transfert peut s’opérer sans le consentement de cette personne ; (Q) les parts ou participations dans un fonds d’investissement collectif, y compris les actions dans une société d’investissement ou une fiducie d’investissement, les droits contractuels de co-investissement,
---	--	--

ishoramari, uburenganzira bukomoka ku masezerano y'ubufatanye mu ishoramari, cyangwa mu kigo cy'ishoramari cyahawe ugicunga cyangwa ibindi bigo cyangwa ibigega by'ishoramari biteye kimwe, byaba bifite icyicaro mu Rwanda cyangwa mu mahanga, ariko hatarimo, uretse aho iri tegeko ribiteganywa ukundi ku buryo butaziguye, ibice fatizo by'imigabane, uburenganzira ku mutungo, imigabane cyangwa uburenganzira bukomoka ku masezerano mu kigega cy'ishoramari cy'abishyize hamwe cyahawe uruhushya cyangwa cyasonewe hakurikijwe amategeko abigenga;	scheme or other similar entities or investment vehicles, whether established in Rwanda or not, but does not include, except where specifically provided for in this Law, units, participations, shares or contractual rights in a collective investment scheme that is licensed or exempted under the relevant legislation;	ou dans un fonds d'investissement géré ou d'autres entités ou fonds de d'investissement similaires, qu'ils soient établis au Rwanda ou non, mais ne comprend pas, sauf disposition spécifique de la présente loi, les parts, participations, actions ou droits contractuels dans un fonds d'investissement collectif qui est agréé ou exempté conformément à la législation en la matière ;
(R) inyangirikiye z'agaciro n'ibicuruzwa cyangwa inyangirikiye by'ibigega by'ishoramari by'abishyize hamwe biteye ku buryo bukurikije amahame y'idini ya Islamu ku birebana n'ishoramari igihe aya mahame yemewe cyangwa yemejwe n'Urwego, byaba bifite icyicaro mu Rwanda cyangwa mu mahanga, ariko hatarimo, uretse aho iri tegeko ribiteganywa ukundi	(R) securities and collective investment scheme products or instruments structured in conformity with Islamic principles for investments where such principles are recognised or approved by the Authority, whether established in Rwanda or not, but does not include, except where specifically provided for in this Law, units, participations,	(R) les titres et les produits ou instruments des fonds d'investissement collectif structurés conformément aux principes islamiques d'investissement lorsque ces principes sont reconnus ou approuvés par l'Autorité, qu'ils soient établis au Rwanda ou non, mais ne comprend pas, sauf disposition spécifique de la présente loi, les parts, les participations, les

ku buryo butaziguye, ibice fatizo by'imigabane, uburenganzira ku mutungo, imigabane cyangwa uburenganzira bukomoka ku masezerano mu kigega cy'ishoramari cy'abishyize hamwe cyahawe uruhushya cyangwa cyasonewe hakurikijwe Itegeko rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyize hamwe ; (S) ibicuruzwa bikomoka ku bindi cyangwa amasezerano y'igura ry'imigabane rigamije inyungu ishingiyeye ku ihindagurika ry'ibiciro, ni ukuvuga uburenganzira bukomoka kuri ayo masezerano cyangwa ku yandi masezerano akorwa hagamijwe kubona inyungu cyangwa kwirinda igihombo gituruka ku ihindagurika ry'ibiciro ku isoko ry'inyandiko z'agaciro, iry'agaciro k'imitungo, iry'igipimo ngenderwaho gikoreshwa ku isoko ry'imari n'imigabane mu gihe runaka cyagenwe, cyangwa ihindagurika rituruka ku zindi mpamvu cyangwa iryateganyijwe mu masezerano;	shares or contractual rights in a collective investment scheme that is licensed or exempted under the Law on collective investment schemes; (S) derivatives or contracts for difference being rights under a contract for differences or under any other contract for the purpose of securing a profit or avoiding a loss resulting from fluctuations in the price of securities, property or an index used in a capital market during a specified period of time or resulting from other factors or provided for in the contract;	actions ou les droits contractuels dans un fonds d'investissement collectif qui est agréé ou exempté conformément à la loi sur les fonds d'investissement collectif; (S) les produits dérivés ou les contrats financiers avec paiement d'un différentiel en tant que droits découlant d'un contrat avec paiement d'un différentiel ou de tout autre contrat dans le but de réaliser un profit ou d'éviter une perte découlant des fluctuations du cours des titres, des biens ou d'un indice de référence sur un marché des capitaux sur une période donnée ou découlant d'autres facteurs ou de ceux prévus par le contrat ;
--	--	---

(T) inyandiko z'agaciro zishingiwe n'izishingiwe n'ingwate ku mitungo itimukanwa; (U) inyandiko z'ishoramari mu bigega by'ishoramari mu mutungo utimukanwa, hatitawe ku miterere yabyo; (V) amasezerano y'ubwishingizi y'igihe kirekire ariko hatarimo – (I) amasezerano y'ubwishingizi y'igihe kirekire ateganya ko ubwishyu butangwa igihe habaye urupfu cyangwa ubumuga by'uwishingiwe bitewe n'impanuka yo mu muhanda, uburwayi cyangwa ubumuga; (II) amasezerano adafite ingingo iteganya amafaranga ahabwa usesa amasezerano igihe cyayo kitageze cyangwa ateganya umusanzu utangirwa icyarimwe kandi igihe ayo mafaranga ahabwa usesa amasezerano atanzwe akaba atagomba kurenga uwo musanzu;	(T) asset-backed securities and mortgage-backed securities; (U) investment instruments in real estate investment trusts, regardless of their structure; (V) long-term insurance contracts but does not include – (I) long-term insurance contracts that are payable only upon the death or on incapacity due road accident, sickness or infirmity of the insured party; (II) a contract that has no surrender value, or whose consideration consists of a single premium and the surrender value does not exceed that premium;	(T) les titres adossés à des actifs et les titres adossés à des créances hypothécaires ; (U) les instruments d'investissement dans des fiducies de placement immobilier, quelle que soit leur structure ; (V) les contrats d'assurance à long terme, à l'exclusion de – (I) contrat d'assurance à long terme ne donnant lieu à un paiement qu'en cas de décès ou d'incapacité résultant d'un accident, de maladie ou d'incapacité de l'assuré ; (II) le contrat non rachetable ou dont la contrepartie consiste en une prime unique avec une valeur de rachat ne dépassant pas ladite prime ;
---	---	--

(III) amasezerano adateganya ihindurwa ry'imiterere yayo cyangwa kongererwa igihe azamara mu gihe byatuma habaho kutubahiriza ibiteganywa mu gace k'inyangiro (I) cyangwa (II); (W) izindi nyandiko ziteganywa n'amabwiriza cyangwa amabwiriza yihariye bitangazwa n'Urwego nk'inyandiko z'agaciro nk'uko biteganywa n'iri tegeko, ariko hatarimo – (I) inyandiko z'agaciro z'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane zitashyizwe ku isoko kugira ngo rubanda cyangwa icyiciro cy'abantu runaka bahamagarirwe kuzigura; (II) inyandiko ntegekabwishyu; (III) inyandiko nsezeranyabwishyu uretse igihe zatanze nk'inyandiko z'agaciro	(III) the contract that does not make provision for its conversion or extension that would result in non-compliance with sub-clause (I) or (II); (W) any other instruments specified in a regulation or directive published by the Authority to be securities for the purposes of this Law but does not include – (I) securities of a private company that are not offered to the public or section of the public; (II) bills of exchange; (III) promissory notes, other than if structured as asset backed securities;	(III) le contrat qui ne prévoit pas sa conversion ou sa prorogation qui serait contraire à la sous-clause (I) ou (II) ; (W) tous autres instruments spécifiés dans un règlement ou une directive publiée par l'Autorité comme étant des titres aux fins de la présente loi, excluant toutefois – (I) les titres d'une société privée qui ne sont pas offerts au public ou à une partie du public ; (II) les effets de change ; (III) les billets à ordre, sauf s'ils sont structurés sous forme de titres adossés à des actifs ;
--	--	---

zishingiwe n'ingwate mu mitungo; (IV) ibyemezo by'ibitsa bitangwa na banki; (V) n'indi nyandiko cyangwa inyandiko y'agaciro amabwiriza cyangwa amabwiriza yihariye yatangajwe n'Urwego adateganya ko ari inyandiko z'agaciro nk'uko biteganywa n'iri tegeko; (X) n'indi nyandiko imeze nka zo ishobora kubaho bitewe n'iterambere ry'ikoranabuhanga rishya cyangwa bitewe n'ibicuruzwa bije ari bishya ku isoko, ihanga ry'ibintu bishya cyangwa imikorere mishya y'ubucuruzi. (q) « inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga » bivuga inyandiko z'agaciro zigaragazwa muri mudasobwa cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga ziri mu bitabo by'ucunga CSD cyangwa by'ufite uruhare muri CSD cyangwa by'ikigo gishinzwe	(IV) certificates of deposit issued by a bank; and (V) any other instrument or securities specified in any regulation or directive published by the Authority not to be securities for the purposes of this Law; and (X) any other instrument of a comparable nature from the development of new technologies and emerging of new products, innovations and new business models; (q) “book-entry securities” means securities that are represented in computerized or electronic form in records of a CSD Operator, or any CSD participants, or by authorised clearing house and includes dematerialised and immobilised securities;	(IV) les certificats de dépôt émis par une banque ; et (V) tout autre instrument ou titre spécifié dans le règlement ou dans la directive publiée par l'Autorité comme ne constituant pas de titres au sens de la présente loi ; et (X) tout autre instrument de nature comparable résultant du développement de nouvelles technologies et de l'émergence de nouveaux produits, d'innovations et de nouveaux modèles commerciaux ; (q) « titres inscrits en compte » signifie les titres représentés sous forme informatisée ou électronique dans un registre d'un opérateur du CSD, ou de tout participant du CSD, ou par une autre chambre de
---	---	--

isuzuma n'iyishyurana cyemewe, kandi muri izo nyandiko harimo izibitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga gusa n'izibikiwe ibyemezo mu mpapuro.		compensation autorisée, et comprend les titres dématérialisés et immobilisés ;
(r) « isosiyete yagenwe » bivuga ikigo cy'ubucuruzi cyagenwe n'ucunga CSD kugira ngo ibike inyandiko z'agaciro zabikijwe;	(r) “nominee company” means a company appointed by a CSD operator for the purpose of holding any deposited security;	(r) « société autorisée » signifie une société désignée par un opérateur du CSD aux fins de détention de tout titre déposé ;
(s) « itambamira » bivuga imenyeshya rishyikirizwa Urwego cyangwa ritangwa na rwo hagamijwe guhagarika igihombo, uburiganya, iyibwa iyangirika cyangwa inyereza by'inyandiko z'agaciro hakurikijwe iri tegeko cyangwa irindi tegeko rikurikiranwa n'Urwego nk'urwego rw'ubugenzuzi;	(s) “stop notification” means a notification filed with or issued by Authority to limit the loss, fraud, theft, destruction or misappropriation of the securities under this Law or any other law for which the Authority is the regulator;	(s) « opposition » signifie une notification déposée auprès de l'Autorité ou émise par celle-ci en vertu de la présente loi ou de toute autre législation relevant de la compétence de l'Autorité en matière de régulation, visant à limiter la perte, la fraude, le vol, la destruction ou le détournement de titres ;
(t) « konti y'inyandiko z'agaciro » bivuga konti ishyirwaho n'ucunga CSD akaba nyiri iyo konti ariko ayishyiriyeho abafite uruhare muri CSD n'abakiriya babo kugira ngo ayikoreshe mu kwinjizamo no gucunga inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga;	(t) “securities account” means an account established by a CSD operator for CSD participants and their clients as an account holder for the recording and dealings of book-entry securities;	(t) « compte de titres » signifie un compte ouvert par un opérateur du CSD pour le compte de participants du CSD et de leurs clients en tant que titulaire de compte aux fins de l'enregistrement comptable et des opérations sur titres inscrits en compte ;
(u) « nyir'inyandiko z'agaciro » bivuga abakiriya b'abafite uruhare muri CSD, bityo abo bafite uruhare muri CSD bakaba abafite konti kugira ngo bababikire	(u) “securities holder” means clients of the CSD participants, on behalf of whom the said participants hold book-entry securities as an account holder;	(u) « détenteur de titres » signifie les clients des participants du CSD, pour le compte desquels lesdits participants détiennent des

inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga; (v) « nyir' umutungo nyawe » bivuga umuntu ku giti cye ufite ku buryo nyakuri cyangwa ugenzura umukiriya cyangwa undi muntu wese igikorwa cy'ubucuruza cyakorewe. Harimo kandi umuntu ku giti cye ufite uruhare runini ku mutungo w'umuryango ufite ubuzima gatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano; (w) « ucunga CSD » bivuga Banki Nkuru y'u Rwanda cyangwa ikigo cy'ubucuruza cyahawe uruhushya n'Urwego hakurikijwe iri tegeko kugira ngo gikorere mu Rwanda ibikorwa byose bya CSD cyangwa bimwe muri byo; (x) « ufite konti » bivuga umuntu ufite konti y'inyandiko z'agaciro; (y) « ufite uruhare muri CSD » bivuga ikigo gifite ubuzima gatozi, urwego cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano byahawe uruhushya hakurikijwe iri tegeko kugira ngo bifungure kandi bicunge konti z'inyandiko z'agaciro, bigafungura izo konti k'ucunga CSD bikaba byemewe na we nk'ibifite uruhare muri CSD ku birebana n'ibikorwa byerekeye CSD akora;	(v) “beneficial owner” means an individual who ultimately owns or controls a customer or an individual on whose behalf a transaction is being conducted. It also includes those persons who exercise ultimate effective control over a legal person or legal arrangement; (w) “CSD operator” means the National Bank of Rwanda or any company licensed by the Authority under this Law to conduct some or all of the CSD activities in Rwanda; (x) “account holder” means a person who has a securities account; (y) “CSD participant” means a legal person, entity or legal arrangement authorised under this Law to open and hold securities accounts with CSD operator who has been accepted by a CSD operator as a participant in respect of CSD activities conducted by that CSD operator;	titres inscrits en compte en tant que titulaire de compte ; (v) « bénéficiaire effectif » signifie une personne physique qui, en dernier ressort, possède ou contrôle un client ou la personne physique pour le compte de laquelle une transaction est effectuée. Ceci comprend également les personnes qui exercent en dernier ressort un contrôle effectif sur une personne morale ou une construction juridique ; (w) « opérateur du CSD » signifie la Banque nationale du Rwanda ou une autre société agréée par l'Autorité en vertu de la présente loi pour mener une partie ou la totalité des activités de CSD au Rwanda ; (x) « titulaire de compte » signifie une personne qui a un compte de titres ; (y) « participant du CSD » signifie une personne morale, une entité ou une construction juridique autorisée en vertu de la présente loi à ouvrir et à détenir des comptes de titres auprès d'un opérateur du CSD, qui a été accepté par un opérateur du CSD en tant que participant pour les activités de CSD menées par cet opérateur du CSD ;
--	---	--

(z) «ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo» bivuga umuntu ufite ububasha bwo gukora nk'umucungamutungo w'agateganyo, umucungamutungo wihariye, ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo washyizweho ku buryo bw'agateganyo, ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo, uwasabiwe kuba umugenzuzi w'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda, umucungamutungo w'uruhande rwahombye, umucungamutungo mukuru, ucunga ingwate, uwashyizweho n'urukiko kugira ngo acunge imari n'umutungo cyangwa undi muntu cyangwa urwego bicunga ibikorwa by'uruhande rwahombye mu gihe cyagenwe cy'ikurikirana ry'igihombo hakurikijwe amategeko ya Repubulika y'u Rwanda cyangwa y'ikindi gihugu cyangwa y'ahandi hantu bireba; (aa) «umuhuza» bivuga umuntu ufite uruhushya ucunga konti z'inyandiko z'agaciro ku nyungu z'abandi cyangwa ku nyungu ze n'iz'abandi; (bb) «umukozi ubishinzwe» bivuga umuntu Banki Nkuru y'u Rwanda ishyiraho	(z) “insolvency practitioner” an individual who is qualified to act as a provisional administrator, an administrator, special administrator, a provisional liquidator, a liquidator, a proposed supervisor of an arrangement of debts, a supervisor of debt arrangement, a trustee, the chief administrator , or any receiver, conservator or other person or entity which administers the affairs of an insolvent party during any insolvency proceeding under the laws of the Republic of Rwanda or other relevant country or jurisdiction; (aa) “intermediary” means an authorised person who maintains security accounts for third parties’ interests or for own and third parties’ interests; (bb) “responsible officer” means a person appointed from time to time by the	(z) «praticien de l’insolvabilité» signifie une personne physique ayant qualité d’agir en tant qu’administrateur provisoire, administrateur, administrateur spécial, liquidateur provisoire, liquidateur, superviseur proposé d’un arrangement de dettes, superviseur d’un arrangement de dettes, fiduciaire, administrateur, administrateur principal ou tout mandataire, conservateur ou autre personne ou entité qui administre les affaires de la partie insolvable au cours d’une procédure d’insolvabilité aux termes des lois de la République du Rwanda ou d’un autre pays ou juridiction concernés ; (aa) «intermédiaire» signifie une personne autorisée qui tient des comptes de titres pour les intérêts de tiers ou pour ses propres intérêts et ceux de tiers ; (bb) «agent responsable» signifie une personne nommée de temps à autre par la
--	---	---

igihe icyo ari cyo cyose agafatwa nk'umuntu ubishinzwe mu rwego rw'ibikorwa byerekeye CSD mu gihe Banki Nkuru y'u Rwanda ari yo ucunga CSD; (cc) « umuntu » bivuga umuntu ku giti cye, ubufatanye mu bucuruzi, isosiyete y'ubucuruzi, ubwizerane cyangwa ikigo kigenzurwa, harimo banki, isosiyete y'ishoramari, ucuruza inyandiko z'agaciro cyangwa ibicuruzwa by'ibanze, isosiyete y'ubwishingizi, umunyamwuga mu ishoramari, isosiyete ibumbye ibice birinzwe cyangwa ikindi kigo cyose gifite ubuzima gatozi cyashinzwe hakurikijwe amategako y'u Rwanda cyangwa y'ikindi gihugu, guverinoma, ishami cyangwa urwego rwa politiki rw'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa rwo ku rwego rw'akarere ndetse na banki y'iterambere ihuriweho n'ibihugu bibiri cyangwa byinshi cyangwa undi muryango mpuzamahanga cyangwa wo ku rwego rw'akarere; (dd) « urebwa n'amasezerano » bivuga umuntu urebwa n'amasezerano y'ihuzabwishyu cyangwa amasezerano mu by'imari yemewe;	National Bank of Rwanda as the responsible person for the purposes of the conduct of CSD activities where the National Bank of Rwanda is a CSD operator; (cc) “person” means an individual, partnership, company, trust, or regulated entity such as a bank, investment firm, securities or commodities dealer, insurance company, or investment manager, a protected cell company, or any other body corporate whether organised under the laws of the Republic of Rwanda or under the laws of any other jurisdiction, and government, any unit or political subdivision of a central or regional government, and any bilateral or multilateral development bank or other international or regional organisation; (dd) “party” means a person who is a party to a netting agreement or qualified financial contract;	Banque nationale du Rwanda en tant que personne responsable aux fins de l'exercice des activités de CSD lorsque la Banque nationale du Rwanda est un opérateur du CSD ; (cc) « personne » signifie une personne physique, une société de personnes, une société commerciale, une fiducie ou une entité réglementée telle qu'une banque, une entreprise d'investissement, un courtier en titres ou en produits de base, une compagnie d'assurance ou un gestionnaire d'investissement, une société à cellules protégées, ou toute autre personne morale organisée selon les lois de la République du Rwanda ou selon les lois de toute autre juridiction et le gouvernement, toute unité ou subdivision politique d'un gouvernement central ou régional et toute banque de développement bilatérale ou multilatérale ou toute autre organisation internationale ou régionale ; (dd) « partie » signifie une personne qui est partie à un accord de compensation ou à un contrat financier éligible ;
---	--	--

(ee) « uruhande rushoboye kwishyura » bivuga urebwa n'amasezerano mu by'imari, amasezerano y'ihuzabwishyu cyangwa amasezerano y'ubugwate y'uruhande rufite ubushobozi bwo kwishyura; (ff) « uruhande rwahombye » bivuga uruhande rurebwa n'ikurikirana ry'igihombo ryatangijwe hakurikijwe amategeko ya Repubulika y'u Rwanda, muri iryo kurikirana ry'igihombo hakaba harimo n'iryatangijwe hakurikijwe andi mategeko igihe areba urwo ruhande rwahombye n'ibikorwa byarwo; (gg) « Urwego » bivuga urwego rwa Leta rufite isoko ry'imari n'imigabane mu nshingano; (hh) « uwatanze inyandiko z'agaciro » bivuga umuntu cyangwa ikigo bitanga inyandiko z'agaciro cyangwa umuntu cyangwa ikigo byatanze inyandiko z'agaciro mu gihe izo nyandiko zatanze mbere ariko nyuma zikagengwa n'iri tegeko igihe ritangiye gukurikizwa. <u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko</u> Iri tegeko rireba –	(ee) “non-insolvent party” means a party to a financial agreement, a netting agreement or a collateral agreement who is not the insolvent party; (ff) “insolvent party” means the party in relation to which insolvency proceedings under the laws of the Republic of Rwanda have been instituted and includes proceedings under other laws if they are relevant to the party and the transaction; (gg) “Authority” means the public organ in charge of the capital market; (hh) “issuer” means any person or entity making an issue of securities, or, where securities have been issued and subsequently come under this Law, the person or entity that had issued the securities. <u>Article 3: Scope of this Law</u> This Law applies to –	(ee) « partie non insolvable » signifie une partie à un contrat financier, à un accord de compensation ou à un contrat de garantie, autre que la partie insolvable ; (ff) « partie insolvable » signifie la partie à l'égard de laquelle une procédure d'insolvabilité a été ouverte en vertu des lois de la République du Rwanda et inclut les procédures en vertu d'autres lois lorsqu'elles sont pertinentes pour la partie et l'opération ; (gg) « Autorité » signifie l'organe de l'État ayant le marché des capitaux dans ses attributions ; (hh) « émetteur » signifie toute personne ou entité qui émet des titres ou, lorsque les titres ont déjà été émis et sont ultérieurement assujettis à la présente loi, la personne ou l'entité ayant émis ces titres. <u>Article 3 : Champ d'application de la présente loi</u> La présente loi s'applique –
---	---	---

(a) ibikorwa bya CSD, kugenzura imikorere y'abacunga CSD no kubaha impushya, ibikwa ry'inyandiko z'agaciro mu buryo bw'ikoranabuhanga n'ibikwa ry'inyandiko z'agaciro zibikiwe ibyemezo mu mpapuro; (b) uburenganzira n'inshingano by'abafite uruhare muri CSD; (c) itangwa ry'ingwate, amasezerano y'ubugwate mu by'imari, amasezerano mu by'imari yemewe, ihuzabwishyu rikorwa igihe kitaragera, amasezerano y'ihuzabwishyu, ikoresheya ry'amategako yerekeye igihombo n'andi mategeko n'uburyo bw'ikurikirana ry'iyubahirizwa ry'ayo masezerano n'ibyumvikanyweho.	(a) CSD activities, the regulation and licensing of CSD operators, dematerialisation and immobilisation of securities; (b) rights and obligations of CSD participants; (c) the provision of collateral, financial collateral arrangements, qualified financial contracts, close-out netting agreements, the application of insolvency and other laws and the enforceability of the arrangements and agreements.	(a) aux activités de CSD, à la réglementation et à l'agrément des opérateurs du CSD, à la dématérialisation et à l'immobilisation de titres ; (b) aux droits et obligations des participants du CSD ; (c) à la constitution d'une garantie, aux contrats de garantie financière, aux contrats financiers éligibles, aux accords de résiliation-compensation, à l'application des lois sur l'insolvabilité et d'autres lois et au caractère exécutoire de ces contrats et accords.
<u>UMUTWE WA II: GUCUNGA INYANDIKO Z'AGACIRO</u>	<u>CHAPTER II: OPERATION OF CENTRAL SECURITIES DEPOSITORY</u>	<u>CHAPITRE II : OPÉRATION DE DÉPOSITAIRE CENTRAL DE TITRES</u>
<u>Icyiciro cya mbere: Ibikorwa bya CSD n'ibisabwa ucunga CSD</u>	<u>Section One: CSD activities and requirements for CSD operator</u>	<u>Section première : Activités de CSD et exigences pour opérateur du CSD</u>
<u>Ingingo ya 4: Gukora ibikorwa bya CSD</u>	<u>Article 4: Conduct of CSD activities</u>	<u>Article 4 : Exercice des activités de CSD</u>
(1) Umuntu ushaka gushyiraho, gukora ibikorwa bya CSD cyangwa kwigaragaza nk'ucunga CSD abihirwa uruhushya n'Urwego. Icyakora, Banki Nkuru y'u	(1) A person intending to establish a CSD, operate or conduct CSD activities, or hold itself out as a CSD operator needs to be licensed by the Authority. However, the	(1) Une personne qui désire établir un CSD, exercer les activités de CSD ou se présenter comme opérateur du CSD se fait délivrer un agrément par l'Autorité. Toutefois, la Banque

Rwanda yemerewe gukora ibikorwa bya CSD itabisabiye uruhushya. (2) Uruhushya rutangwa n'Urwego rushobora kugabanya ibikorwa ucunga CSD yakora. (3) Amabwiriza y'Urwego akena ibisabwa mu gusaba cyangwa guhindura uruhushya.	National Bank of Rwanda is permitted to conduct CSD activities without being licensed. (2) The license issued by the Authority may restrict activities a CSD operator may undertake. (3) The Authority's regulations set out requirements for licence application or modification.	nationale du Rwanda est dispensée d'agrément pour exercer les activités de CSD. (2) L'agrément délivré par l'Autorité peut limiter les activités qu'un opérateur du CSD peut exercer. (3) Les règlements de l'Autorité fixent les conditions de demande ou de modification de l'agrément.
<u>Ingingo ya 5: Ibikorwa by'ucunga CSD</u> (1) Ibikorwa by'ucunga CSD bikubiyemo bimwe cyangwa byose mu bikorwa bikurikira: (a) gufungura konti z'inyandiko z'agaciro mu bitabo by'inyandiko z'agaciro bibikwa kandi bicungirwa hamwe hagamijwe ibikwa ryazo mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ibikwa ryazo zibikiwe ibyemezo by'impapuro ; (b) gucunga konti z'inyandiko z'agaciro, kuzijyanisha n'igihe no kuzifunga; (c) gushyiraho uburyo bukwiye kandi bunoze bwo kugenzura, gukurikirana, kumenya no kwandika inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga;	<u>Article 5: Activities of CSD operator</u> (1) Activities of a CSD operator consist of some, or all of, the following activities: (a) to open securities accounts in its books of securities to be held and handled centrally, for dematerialisation or immobilisation; (b) to maintain, update and close securities accounts; (c) to establish proper and efficient means for the verification, inspection, identification and recording of book-entry securities;	<u>Article 5 : Activités d'un opérateur du CSD</u> (1) Les activités d'un opérateur du CSD consistent en tout ou partie des activités suivantes : (a) ouvrir des comptes de titres dans ses livres de titres en vue de la centralisation de leur détention et de leur traitement aux fins de leur dématérialisation ou immobilisation ; (b) tenir, mettre à jour et fermer les comptes de titres ; (c) mettre en place des moyens appropriés et efficaces pour la vérification, l'inspection, l'identification et l'enregistrement de titres inscrits en compte ;

(d) kubika mu mutekano inyandiko z'agaciro zanditswe mu izina rye no mu izina ry'abafite uruhare muri CSD; (e) gushyira mu bikorwa ihererekanya ry'inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga ku buryo bunoze; (f) kubungabunga inyandiko z'agaciro z'ufite uruhare muri CSD cyangwa z'undi muntu; (g) koroshya imyishyuranire ku birebana n'inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga no gukora ku buryo hasozwa ibikorwa by'imyishyuranire; (h) guha serivisi abatanze inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga, harimo gukurikirana ihererekanywa ryazo; (i) gukora ku buryo ngarukagihe nibura rimwe ku munsi, ihuzamibare ry'inyandiko z'agaciro zatanzwe zifitanye isano n'ibikorwa bya CSD no kubirebana n'uwatanze inyandiko z'agaciro;	(d) to provide safe custody of securities in its name or on behalf of CSD participants; (e) to efficiently execute the transfer of book-entry securities; (f) to maintain securities of a CSD participant or any other third party's securities; (g) facilitate the settlement for book-entry securities and ensuring settlement finality; (h) provide service to issuers of book-entry securities, including monitoring their circulation; (i) conduct a periodic and at least daily reconciliation of the issued securities to which the CSD activities relate and for each issuer;	(d) assurer une bonne conservation de titres en son nom ou pour le compte des participants du CSD ; (e) exécuter le transfert efficace de titres inscrits en compte ; (f) tenir des titres d'un participant du CSD ou de tout autre tiers ; (g) faciliter le règlement-livraison de titres inscrits en compte tout en s'assurant du caractère définitif de ce règlement ; (h) offrir des services aux émetteurs de titres inscrits en compte, y compris le contrôle de leur circulation ; (i) effectuer un rapprochement périodique et au moins quotidien des titres émis auxquels se rapportent les activités de CSD et pour chaque émetteur ;
---	---	---

(j) kubika mu mutekano ibyemezo biri mu buryo bw'ikoranabuhanga, amasezerano n'izindi nyandiko cyangwa inyandiko ziri mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa zibikiwe ibyemezo mu mpapuro zigomba kubitswa cyangwa kwandikwa muri CSD; (k) gukumira ishyirwaho, isibwa cyangwa ihindurwa bitemewe by'inyandiko, konti cyangwa inyandiko z'agaciro; (l) gushyiraho imigenzereze inoze y'ibaruramari no gukora igenzura ryuzuye hagamijwe kugenzura niba ibyanditse mu bitabo ari ukuri ; (m) kwandikisha, gucunga cyangwa gushyira mu bikorwa amasezerano y'ingwate mu by'imari n'amasezerano mu by'imari yemewe; (n) gukora ku buryo hashyirwaho sisitemu inoze yifashishwa mu gushakisha, gukurikirana, kugenzura, kumenya no kwandika ibikorwa byose byakozwe binyuze ku ucunga CSD cyangwa byakozwe, byatanzwe cyangwa byanditswe n'ucunga CSD no gukora	(j) provide safe custody of electronic certificates, agreements and other documents or electronic or digitised records that are required to be deposited with or recorded of a CSD; (k) to prevent unauthorised creation, deletion or falsification of any records, accounts or securities; (l) to maintain robust accounting practices and perform end-to-end auditing to verify the accuracy of records; (m)to register, manage and enforce collateral arrangements, financial collateral arrangements, and qualified financial contracts; (n) to ensure the establishment, operation and maintenance of an efficient system for the tracing, verification, inspection, identification and recording of all transactions undertaken through a CSD operator or filed or registered with a CSD operator;	(j) réaliser une bonne conservation de certificats électroniques, d'accords et d'autres documents ou registres électroniques ou numérisés qui doivent être déposés auprès du CSD ou tenus en rapport avec celui-ci ; (k) empêcher la création, la suppression ou la falsification non autorisées de registres, de comptes ou titres quelconques ; (l) maintenir des pratiques comptables rigoureuses et effectuer des audits complets pour la vérification de l'exactitude des registres ; (m)enregistrer, gérer et faire exécuter des accords de garantie, des contrats de garantie financière et des contrats financiers éligibles ; (n) veiller à la mise en place, au fonctionnement et le maintien d'un système efficace de suivi, de vérification, d'inspection, d'identification et d'inscription de l'ensemble des transactions effectuées par l'intermédiaire d'un opérateur du
--	---	---

ku buryo iyo sisitemu ikora kandi igafatwa neza; (o) gutangaza amafaranga yishyurwa kuri serivisi n'andi mafaranga asabwa no kwaka icyemezo cy'Urwego mbere yo kongera ayo mafaranga; (p) gukurikirana ibibazo byavuka bijyanye n'ubucuruzi, ibikorwa n'imikorere bya CSD; (q) no gukora indi mirimo cyangwa inshingano byasabwa mu mabwiriza cyangwa mu mabwiriza yihariye y'Urwego. (2) Ucuha CSD akora ku buryo ibikorwa bya n'ibya CSD bikorwa mu buryo bunoze, buboneye, buciye mu mucyo, bufasha kugira ibanga, budahindura amakuru kandi ko amakuru yo mu nyandiko n'ari mu buryo bw'imibare akoreshwa gusa ku mpamvu z'ibikorwa bya CSD, kandi agatangazwa hakurikijwe ibisabwa n'amategeko. (3) Ucuha CSD wahawe uruhushya ntiyemerewe gukora undi murimo cyangwa ikindi gikorwa bitandukanye n'ibyo yaherewe uruhushya keretse igihe yabyemerewe n'Urwego.	(o) to publish fees and charges and seek prior approval from the Authority prior to increasing such fees or charges; (p) to ensure the prudential management of the risks associated with CSD business and operations; and (q) to perform any other function or duty as may be required under any regulation or directive of the Authority. (2) A CSD operator ensures that CSD activities are conducted in an efficient, fair and transparent manner that preserves confidentiality, integrity and that information and data are only utilised for the purposes of conducting CSD activities, or as required to be disclosed under the laws. (3) A licensed CSD operator unless specifically granted prior approval by the Authority may not carry out any other business or activity other than that of a CSD operator.	CSD ou déclarées ou enregistrées auprès de celui-ci ; (o) publier les frais et redevances et demander au préalable l'approbation de l'Autorité avant d'augmenter ses frais ou redevances ; (p) veiller à la gestion prudentielle des risques liés aux activités et aux opérations de CSD ; et (q) effectuer toute autre fonction ou tâche pouvant être requise en vertu de tout règlement ou directive de l'Autorité. (2) Un opérateur du CSD veille à ce que les activités de CSD soient menées d'une manière efficace, équitable et transparente qui permet de préserver la confidentialité et l'intégrité et à ce que les informations et les données ne soient utilisées qu'aux fins de l'exercice des activités de CSD ou de leur communication en application d'une obligation légale. (3) Un opérateur du CSD agréé ne peut, sauf accord préalable spécifique de l'Autorité, exercer toute autre opération ou activité que celle d'opérateur du CSD.
--	--	---

<u>Ingingo ya 6: Gucunga ibyateza ingorane no guhangana n'ibyangabanya ibikorwa</u> Ucunga CSD ashiraho – (a) uburyo bunoze bwo gucunga ibyateza ingorane zishingiye ku nguzanyo, ku mafaranga ahari, ku mikorere, ku ikoranabuhanga n'ingorane zishingiye ku bikorwa by'ubucuruzi muri rusange; (b) ingamba zafasha gukomeza ibikorwa igihe haba havutse ingorane, kwikura mu bibazo bidasanze byavuka kandi zikorwa igerageza ku buryo buhoraho zikanajyanishwa n'igihe kugira ngo habeho kudahungabana kw'imirimo.	<u>Article 6: Risk management and operational resilience</u> A CSD operator puts in place – (a) a comprehensive risk management framework with measures to address general business risks, credit risks, liquidity risks, operational and cyber risks; (b) a business continuity management and disaster recovery plans regularly tested and updated to ensure operational resilience.	<u>Article 6 : Gestion des risques et résilience opérationnelle</u> Un opérateur du CSD met en place – (a) un cadre complet de gestion des risques intégrant des mesures pour faire face aux risques généraux d'activité, aux risques de crédit, de liquidité, aux risques opérationnels et cybernétiques ; (b) des plans de gestion de la continuité des activités et de reprise après sinistre régulièrement testés et mis à jour pour garantir la résilience opérationnelle.
<u>Ingingo ya 7: Kwifashisha undi muntu mu gukora ibikorwa bya CSD</u> (1) Ucunga CSD ashobora kwifashisha undi muntu mu gukora bimwe mu bikorwa bya CSD. (2) Mu gihe ucunga CSD yifuza kwifashisha undi muntu mu gukora ibikorwa bya CSD, abisabira uburenganzira Urwego. (3) Uwahawe gukora ibikorwa bya CSD hashingiye ku masezerano yo kwifashisha undi muntu yubahiriza ibiteganywa n'iri	<u>Article 7: Outsourcing of CSD activities</u> (1) A CSD operator may outsource some of the CSD activities. (2) A CSD operator wishing to outsource CSD activities applies for the Authority's authorisation. (3) The person to whom CSD activities are entrusted under an outsourcing contract complies with the provisions of this Law.	<u>Article 7 : Externalisation d'activités de CSD</u> (1) Un opérateur du CSD peut externaliser certaines des activités de CSD. (2) Un opérateur du CSD qui désire externaliser des activités de CSD demande à cet effet l'autorisation de l'Autorité. (3) La personne à qui les activités de CSD sont confiées en vertu d'un contrat d'externalisation se conforme aux

tegeko. (4) Ucuha CSD afatwa nk'aho ari we ucuha ibikorwa cyangwa serivisi mu gihe yifashishije undi muntu mu gukora ibikorwa bya CSD. (5) Ucuha CSD ku birebana n'amasezerano ku byerekeye kwifashisha undi muntu mu gukora ibikorwa bya CSD, yishingira uburyozwe ku birebana n'ibikorwa bikozwe n'uwo yifashishije mu gukora ibyobikorwa mu gihe atubahirije ibiteganywa n'amategeko . (6) Amabwiriza y'Urwego akena ibisabwa uwifuzwa kwifashisha undi muntu mu gukora ibikorwa bya CSD.	(4) A CSD operator continues to be recognised as the operator of outsourced CSD activities or services. (5) A CSD operator retains liability under the outsourcing contract for CSD activities for any actions and non-compliance by the outsourced provider with any provisions of this Law. (6) The Authority's regulations determine requirements for outsourcing CSD activities.	dispositions de la présente loi. (4) Un opérateur du CSD continue d'être considéré comme opérateur des activités ou services de CSD externalisés. (5) Un opérateur du CSD conserve l'entière responsabilité des actions de la personne à qui les activités externalisées sont confiées et du non-respect par celui-ci de quelconques dispositions de la présente loi. (6) Les règlements de l'Autorité fixent les conditions d'externalisation des activités de CSD.
<u>Ingingo ya 8: Inshingano z'ucunga CSD</u> (1) Ucuha CSD afite inshingano zikurikira: (a) gukurikirana ko ufite uruhare muri CSD yubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko n'amabwiriza ngengamikorere ya CSD; (b) kumenyesha Urwego igikorwa kibaye cyo kutubahiriza iri tegeko cyangwa amabwiriza	<u>Article 8: Obligations of CSD operator</u> (1) A CSD operator has the following obligations: (a) to monitor compliance by a CSD participant with this Law and with CSD rules; (b) to report a non-compliance with or breach of this Law or CSD rules to the Authority within three days of the day of becoming	<u>Article 8 : Obligations d'un opérateur du CSD</u> (1) Un opérateur du CSD a les obligations suivantes : (a) contrôler le respect par un participant du CSD de la présente loi et des règles du CSD; (b) signaler à l'Autorité toute violation ou non-respect de la présente loi et des règles du CSD dans les trois jours suivant le jour où

ngengamikorere ya CSD mu gihe kitarenze iminsi itatu ibarwa uherye ku munsu yakimenyeyeho; (c) gukora ku buryo Urwego rumenyeshwa ako kanya iyo ucunga CSD amenye ko – (i) hari ibitubahirizwa mu micungire y'imari cyangwa ikindi kibazo ucunga CSD abona ko kigaragaza ko ubushobozi mu by'imari bw'ufite uruhare muri CSD bushidikanywaho cyangwa byagira ingaruka mbi ku mikorere y'urwego rw'imari cyangwa y'isoko ry'imari n'imigabane cyangwa ku bushobozi bw'urwego rw'imari cyangwa ubw'isoko ry'imari n'imigabane by'ikindi Gihugu; (ii) ihungabana ry'imikorere cyangwa iry'uburyo bw'ikoranabuhanga rishobora kubangamira ikorwa ry'imirimo ye cyangwa ikorwa ry'ibikorwa bya CSD cyangwa ryatuma ufite uruhare muri CSD atabasha kubahiriza inshingano ze;	aware of the breach; (c) to cause to be reported to the Authority immediately if it becomes aware of – (i) a financial irregularity or other matter that in the reasonable opinion of a CSD operator could indicate that the financial capacity or standing of any CSD participant is questionable or could adversely impact on the financial system or capital markets or the standing of the financial system or capital markets in another jurisdiction; (ii) an operational or system failure that may impede the fulfilling its operations or conducting the CSD activities or compliance by a CSD participant; and	il en a pris connaissance ; (c) faire en sorte que l'Autorité soit immédiatement informée s'il a connaissance de – (i) une irrégularité financière ou tout autre fait qui, de l'avis raisonnable d'un opérateur du CSD, pourrait indiquer que la capacité ou la situation financière d'un participant du CSD est douteuse ou pourrait avoir une incidence négative sur le système financier ou les marchés des capitaux ou sur la réputation du système financier ou des marchés des capitaux dans une autre juridiction ; (ii) une défaillance opérationnelle ou un dysfonctionnement du système susceptible de compromettre l'exécution de ses opérations ou l'exercice des activités de CSD ou la conformité d'un participant du CSD ; et
---	--	--

(iii) n'ikindi kibazo cyatuma ucunga CSD atabasha kubahiriza inshingano zo mu rwego rw'amategeko agomba umuntu cyangwa urebwa n'amasezerano cyangwa atabasha kubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko; (d) kuvugurura amabwiriza ngengamikorere ya CSD asanzwe agenderaho igihe abisabwe n'Urwego; (e) kubahiriza iri tegeko no kubanza kwemererwa n'Urwego mbere yo guhindura amabwiriza ngengamikorere ya CSD; (f) kumenyesha urwego impinduka akeneye gukora muri sisitemu ya CSD kugira ruzemeze; (g) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa n'iyubahirizwa by'amabwiriza ngengamikorere ya CSD ku birebana n'abafite uruhare muri CSD no kumenyesha Urwego amakosa bakoze; (h) kubika inyandiko ziteganyijwe zerekeye abafite konti z'inyandiko	(iii) any other matter that may give rise to the likelihood that a CSD operator may not be able to meet its legal obligations to any person or party or comply with this Law; (d) to comply with any requirements by the Authority to amend its current CSD rules; (e) to comply with this Law and avoid modifying CSD rules without having obtained prior approval from the Authority; (f) to inform the Authority of the change it intends to make in the CSD systems for the Authority's approval of the change; (g) to monitor the operation and enforcement of its CSD rules as regards CSD participants and inform the Authority of breaches on their part; (h) to maintain official records of securities account holders, including ultimate	(iii) tout autre événement susceptible d'entraîner un risque qu'un opérateur du CSD ne puisse satisfaire ses obligations légales à l'égard de toute personne ou partie ou qu'il ne se conforme pas à la présente loi ; (d) se conformer à toute exigence de l'Autorité visant à modifier ses règles du CSD en vigueur ; (e) se conformer à la présente loi et s'abstenir de toute modification des règles du CSD sans l'approbation préalable de l'Autorité ; (f) informer l'Autorité de toute modification qu'il envisage d'apporter aux systèmes de CSD en vue d'obtenir l'approbation par l'Autorité de cette modification ; (g) assurer le suivi de l'application et du respect de ses règles du CSD par les participants du CSD, et informer l'Autorité de toute violation commise par eux ; (h) tenir des registres officiels des titulaires de compte de titres, y compris des
---	--	---

z'agaciro, harimo amakuru yerekana ba nyir' umutungo nyabo; (i) kwishingira uburyozwe ku byo yabazwa n'ufite uruhare muri CSD n'ufite konti igihe habayeho itakara cyangwa iyangizwa ry'inyandiko z'agaciro acunga; (2) Kugira ngo habeho imikorere yizewe kandi ihamye ya CSD n'abayifitemo uruhare, Urwego rushobora gushyiraho amabwiriza agamije gukumira ibibazo bishobora kuvuka mu rwego rw'ibikorwa n'imikorere y'ibikorwa bya CSD. (3) Banki Nkuru y'u Rwanda ifite inshingano z'umwihariko harimo: (a) kubahiriza ibindi biteganywa n'iri tegeko bitari ibijyanye no gusaba uruhushya; (b) kugena umukozi ubishinzwe ikabimenyesha Urwego. <u>Icyiciro cya 2:</u> Ufite uruhare muri CSD inshingano ze n'ibyo asabwa	beneficial ownership information; (i) to be liable to a CSD participant and to an account holder for any loss or damage of securities within its custody. (2) In order to ensure safe and sound operation of the CSD and CSD participants, the Authority may issue regulations in terms of prevention of issues that may arise from the operations and from the conduct of CSD activities. (3) The National Bank of Rwanda has particular obligations, including the following: (a) to comply with other provisions of this Law, excluding those related to the licensing application; (b) to appoint a responsible officer and inform the Authority thereof. <u>Section 2:</u> CSD participant, obligations and requirements applicable to CSD participant	renseignements sur les bénéficiaires effectifs ultimes ; (i) assumer la responsabilité de toute perte ou dommage de titres dont il assure la conservation, vis-à-vis d'un participant du CSD et d'un titulaire de compte ; (2) Pour garantir la sécurité et la solidité du fonctionnement du CSD et des participants du CSD, l'Autorité peut édicter des règlements visant la prévention de problèmes pouvant résulter des opérations et de l'exercice des activités de CSD. (3) La Banque nationale du Rwanda a des obligations particulières, y compris les suivantes : (a) se conformer aux autres dispositions de la présente loi autres que celles liées à la demande d'agrément ; (b) nommer un agent responsable et en informer l'Autorité. <u>Section 2 :</u> Participant du CSD, ses obligations et exigences applicables à lui
--	---	--

<u>Ingingo ya 9: Abafite uruhare muri CSD</u>	<u>Article 9: CSD participants</u>	<u>Article 9 : Participants du CSD</u>
(1) Abafite uruhare muri CSD ni aba bakurikira : (a) Banki Nkuru y'u Rwanda; (b) umuntu wahawe uburenganzira n'Urwego bwo gukora nibura kimwe mu bikorwa bikurikira : (i) ububitsi bw'umutungo; (ii) kwakira amafaranga abitswa n'andi mafaranga asubizwa ba nyirayo biturutse muri rubanda; (iii)kuguriza; (iv)ikodeshagurisha; (v) serivisi zifashishwa mu ihererekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo w'agaciro; (vi)gutanga no gucunga uburyo bukoreshwa mu kwishyura; (vii) gutanga ubwishingire no gukora isezeranyabwishyu ;	(1) The CSD participants are the following: (a) the National Bank of Rwanda; (b) a person licensed by the Authority to conduct at least one of the following activities: (i) custodianship; (ii) receipt of deposits and other repayable funds from the public; (iii)lending; (iv) leasing; (v) money or value transfer services; (vi)issuing and managing means of payment; (vii) provision of financial guarantees and commitments;	(1) Les participants du CSD sont les suivants : (a) Banque nationale du Rwanda ; (b) personne agréée par l'Autorité pour exercer au moins l'une des activités suivantes : (i) garde ; (ii) réception de dépôts et d'autres fonds remboursables du public ; (iii)opérations de prêts ; (iv) crédit-bail ; (v) services de transfert de fonds ou de valeurs ; (vi)émission et gestion de moyens de paiement ; (vii) octroi de garanties et souscription d'engagements financiers ;

(viii) kugura no kugurisha inyandiko zikoreshwa ku isoko ry'amafaranga n'iry'ivunjisha, inyandiko z'igipimo cy'inyungu n'iz'agaciro k'imitungo yimukanwa, inyandiko mvunjwafaranga ziherekanywa ku isoko ry'imari n'imigabane, amasezerano ku bicuruzwa ageze igihe cyo kwishyurwa; n'indi nyandiko y'imari ikomoka ku mutungo. (ix) abakora ibikorwa by'ubuhuza ku isoko ry'imari n'imigabane ; (x) ikindi gikorwa cyose cyakwemerwa n'Urwego. (2) Urwego rushobora gushyiraho amabwiriza cyangwa amabwiriza yihariye agena uburyo bwo gushyira mu byiciro abafite uruhare muri CSD kandi rushobora gushyira cyangwa gukura umuntu cyangwa icyiciro cy'abantu mu bemerewe kuba mu bafite uruhare muri CSD. <u>Ingingo ya 10: Ibisabwa ushaka kuba mu bafite uruhare muri CSD</u> (1) Amabwiriza ngengamikorere ya CSD agena ibisabwa ushaka kuba mu bafite uruhare muri CSD.	(viii) trading in money market instruments, foreign exchange, interest rate and index instruments, transferable securities, commodity futures trading; and other derivative instruments; (ix) brokers; (x) any other activity which may be authorised by the Authority. (2) The Authority may issue regulations or directives that classify CSD participants and may include or exclude any person or category of persons from being entitled to act as CSD participants. <u>Article 10: Requirements for admission as CSD participant</u> (1) CSD rules determine requirements for admission as a CSD participant.	(viii) transactions sur les instruments du marché monétaire, les marchés de change, sur taux d'intérêt et instruments indicies, valeurs mobilières, marché à terme de produits de base et d'autres instruments dérivés ; (ix) courtiers ; (x) toute autre activité pouvant être autorisée par l'Autorité. (2) L'Autorité peut émettre des règlements ou des directives établissant la classification des participants du CSD et peut inclure ou exclure toute personne ou catégorie de personnes du droit d'agir en qualité de participants du CSD. <u>Article 10 : Conditions d'admission en qualité de participant du CSD</u> (1) Les règles du CSD fixent les conditions d'admission en qualité de participant du CSD.
--	--	--

(2) Ucuha CSD atangaza ku rubuga rwa interineti ibisabwa kugira ngo umuntu abe mu bafite uruhare muri CSD. (3) Ucuha CSD atangaza urutonde rw'abo yemereye kuba mu bafite uruhare muri CSD akanarutangaza ku rubuga rwa interineti mu gihe kigenwa n'amabwiriza y'Urwego kandi akamenyesha Urwego iyemezwa, ihagarikwa ry'agateganyo cyangwa rya burundu ry'ufite uruhare muri CSD akanavugurura urutonde rwabo.	(2) A CSD operator publishes on its website a list of requirements for admission as a CSD participant. (3) A CSD operator makes public the list of persons admitted as CSD participants and publishes it on its website within the time limit prescribed by the Authority's regulations, and also notifies the Authority of any admission, suspension or permanent exclusion of a CSD participant and updates the list of CSD participants.	(2) Un opérateur du CSD publie sur son site web les conditions d'admission en qualité de participant du CSD. (3) Un opérateur du CSD rend publique la liste des personnes qu'il a admises en qualité de participants du CSD et la publie sur son site web dans le délai fixé par les règlements de l'Autorité et informe cette dernière de toute admission, exclusion temporaire ou définitive d'un participant du CSD et met à jour la liste des participants du CSD.
<u>Ingingo ya 11: Inshingano n'imirimo by'abafite uruhare muri CSD</u> Inshingano n'imirimo by'abafite uruhare muri CSD n'uburyo bukoreshwa mu gucunga inyandiko z'agaciro biteganywa mu mabwiriza y'Urwego hakurikijwe iri tegeko.	<u>Article 11: Obligations and functions of CSD participants</u> The obligations and functions of CSD participants as well as securities operation procedures are provided for under the Authority's regulations in accordance with this Law.	<u>Article 11 : Obligations et fonctions des participants du CSD</u> Les obligations et fonctions des participants du CSD ainsi que les modalités d'opérations sur titres sont prévues par les règlements de l'Autorité conformément à la présente loi.
<u>Ingingo ya 12: Inshingano z'abafite uruhare muri CSD ku birebana n'inyandiko z'agaciro zatangiwe mu mahanga</u> (1) Ufite uruhare muri CSD abitsa inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga za ba nyir' inyandiko z'agaciro cyangwa ize bwite akazibitsa muri CSD, keretse igihe yasonewe n'Urwego ku birebana n'inyandiko z'agaciro zatanzwe n'ibigo byo mu	<u>Article 12: Obligations of CSD participants for foreign securities</u> (1) Unless exempted by the Authority regarding securities issued by foreign companies or securities of companies accepted on a foreign capital market authority, each CSD participant is required to hold the entirety of the book-entry securities it holds on behalf of securities	<u>Article 12 : Obligations des participants du CSD pour les titres étrangers</u> (1) Sauf exemption accordée par l'Autorité en ce qui concerne les titres émis par des sociétés étrangères ou les titres de sociétés admis sur un marché de capitaux étranger, un participant du CSD est tenu de détenir la totalité des titres inscrits en compte qu'il détient pour le compte des détenteurs de

mahanga cyangwa inyandiko z'ibigo byemewe ku isoko ry'imari n'imigabane ryo mu mahanga. (2) Mu gihe Urwego rutanze uburenganzira budasanzwe, rushobora gushyiraho ibigomba kubahirizwa n'abafite uruhare muri CSD ku birebana n'ubushobozi n'ubushishozi bisabwa igihe abafite uruhare muri CSD batoranya nyir'inyandiko y'agaciro, cyane cyane mu gihe nyir'inyandiko y'agaciro abarizwa mu Gihugu kidafite amategeko agenga CSD n'uburyo bukoreshwa mu gucunga inyandiko z'agaciro mu izina ry'undi muntu. Mu gutanga ubusonerwe, Urwego rushobora gushyiraho ibigomba kubahirizwa. <u>Icyiciro cya 3: Ibikwa, ihererekanya n'iyishyurwa ry'inyandiko z'agaciro</u> <u>Akiciro ka mbere: Konti n'amakuru by'inyandiko z'agaciro</u> <u>Ingingo ya 13: Ihererekanya ry'inyandiko z'agaciro</u> (1) Ihererekanya ry'inyandiko z'agaciro zivanwa ku uzigurishije zigahabwa uwaziguze rifatwa nk'irikoze ku buryo bwa burundu kandi ntirishobora guteshwa	holders or for its own account directly with a CSD operator. (2) When the Authority provides an exceptional right, it may impose requirements to be fulfilled by CSD participants in terms of due skills and diligence required to be held by CSD participants who are selecting the issuer, especially in case the issuer is in a country that lacks laws on CSD and safekeeping of securities for the account of a third party. The Authority may impose specific requirements in granting an exemption. <u>Section 3: Holding and settlement of securities</u> <u>Subsection One: Securities accounts and records</u> <u>Article 13: Settlement of securities</u> (1) The settlement of securities is final and irrevocable transfer of ownership from the seller to the buyer. Such transfer is	titres ou pour son propre compte directement auprès d'un opérateur du CSD. (2) Lorsque l'Autorité accorde un droit dérogatoire, elle peut imposer aux participants du CSD des exigences en matière de compétences et de diligence requises de la part des participants du CSD pour la sélection des émetteurs, notamment lorsque ces derniers se trouvent dans un pays dépourvu de législation sur les CSD et la conservation de titres pour le compte de tiers. L'Autorité peut subordonner l'octroi de cette exemption au respect de conditions spécifiques. <u>Section 3 : Détention et règlement-livraison de titres</u> <u>Sous-section première : Comptes et registres de titres</u> <u>Article 13 : Règlement-livraison de titres</u> (1) Le règlement-livraison de titres se traduit par un transfert définitif et irrévocable de propriété du vendeur vers l'acheteur. Ce
--	--	---

agaciro. Iryo hererekanya riherekezwa n'ubwishyu bw'izo nyandiko. (2) Amabwiriza y'Urwego n'amabwiriza ngengamikorere ya CSD biteganya uburyo ihererekanya ry'inyandiko z'agaciro rikorwa. <u>Ingingo ya 14: Inshingano yo kugira konti y'inyandiko z'agaciro ku bacuruza inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga</u> (1) Umuntu wemerewe gucuruza inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga ni ufite konti y'inyandiko z'agaciro muri CSD. (2) Buri konti y'inyandiko z'agaciro yafunguwe muri CSD iba iri mu izina rya nyir'umutungo nyawe cyangwa mu izina ry'uwashyizweho wemewe. (3) Umuntu ufungura konti y'inyandiko z'agaciro abimenyekanisha mu buryo bugenwa n'amabwiriza ngengamikorere ya CSD agaragaza ko umuntu ari we nyir'umutungo nyawe w'inyandiko z'agaciro zibitswe cyangwa uwashyizweho wemewe.	accompanied by the corresponding payment. (2) The Authority's regulations and CSD rules provide details of settlement mechanisms of securities. <u>Article 14: Dealers in book-entry securities to hold securities accounts</u> (1) A person may not deal in book-entry securities unless the person holds a securities account with a CSD operator. (2) Every securities account opened with a CSD operator must be in the name of the beneficial owner of the deposited securities or in the name of an authorised nominee. (3) The person opening a securities account makes a declaration in a manner as may be specified in the CSD rules that the person is the beneficial owner of the deposited securities or the authorised nominee, as the case may be.	transfert est assorti du paiement correspondant. (2) Les règlements de l'Autorité et les règles du CSD fournissent des détails sur les mécanismes applicables au règlement-livraison de titres. <u>Article 14 : Obligation de tenue de comptes pour les négociants en titres inscrits en compte</u> (1) Une personne ne peut négocier des titres inscrits en compte que si elle détient un compte de titres auprès d'un opérateur du CSD. (2) Tout compte de titres ouverts auprès d'un opérateur du CSD doit être au nom du bénéficiaire effectif des titres déposés ou au nom d'un mandataire autorisé. (3) La personne qui ouvre le compte de titres déclare, selon les modalités pouvant être prévues par les règles d'un opérateur du CSD, qu'elle est le bénéficiaire effectif des titres déposés ou le mandataire autorisé, le cas échéant.
---	--	---

(4) Uwashyizweho wemewe ni umuntu wemerewe gukora nk'uwashyizweho cyangwa isosiyete ifitwe 100% n'ucunga CSD ufite intego yo kubika impapuro z'agaciro muri CSD nk'umwishingizi mu izina ry'ababitsa ariko itagenzura cyangwa ngo icunge iyo mitungo. (5) Ucunga CSD ashobora kubuza bimwe mu bikorerwa kuri konti, gufunga cyangwa guhagarika konti y'inyandiko z'agaciro iyo biteganywa n'amabwiriza y'Urwego cyangwa amabwiriza ngengamikorere ya CSD.	(4) An authorised nominee is a person who is authorised to act as a nominee or a company incorporated and 100% owned by a CSD operator whose only purpose is to hold securities in the CSD as a trustee on behalf of depositors without having control or discretion over the management of those assets. (5) A CSD operator may restrict, close or suspend a securities account in the circumstances prescribed in regulations issued by the Authority or in CSD rules.	(4) Un mandataire autorisé est une personne autorisée à agir en tant que mandataire ou une société constituée et détenue à 100% par un opérateur du CSD dont l'unique objet est de détenir des titres au sein du CSD en qualité de fiduciaire pour le compte de déposants sans avoir de contrôle ni de pouvoir discrétionnaire sur la gestion de ces actifs. (5) Un opérateur du CSD peut limiter, fermer ou suspendre un compte de titres dans les cas prévus par les règlements émis par l'Autorité et les règles du CSD.
<u>Ingingo ya 15: Gutandukanya inyandiko z'agaciro na konti y'inyandiko z'agaciro</u> (1) Ucunga CSD n'ufite uruhare muri CSD babika amakuru na konti bifasha gutandukanya inyandiko z'agaciro za buri mukiriya n'izabo bwite. (2) Ufite uruhare muri CSD atandukanya, mu bitabo by'ucunga CSD inyandiko z'agaciro ze bwite zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga n'iz'abakiriya be, zishobora kubikwa muri konti rusange cyangwa buri mukiriya akagira iye, cyangwa byombi. Ucunga CSD	<u>Article 15: Separation of securities and securities accounts</u> (1) A CSD operator and CSD participant keep records and accounts that facilitate the separation of securities of each client from their own securities. (2) A CSD participant separates, in the books of a CSD operator, the book-entry securities held for its own account from those held for its clients, which may be held in a single omnibus account, or where each client owns his or hers, or in a combination of both. A CSD operator separates in its	<u>Article 15 : Séparation de titres et de comptes de titres</u> (1) Un opérateur du CSD et un participant du CSD tiennent des registres et des comptes permettant de séparer les titres de chaque client de leurs propres titres. (2) Un participant du CSD sépare, dans les livres d'un opérateur du CSD, les titres inscrits en compte détenus pour son propre compte de ceux détenus pour le compte de ses clients, lesquels comptes peuvent être détenus dans un compte omnibus unique ou dans lequel chaque client possède ses

atandukanya, mu bitabo bye n'iby'abandi babikamo, inyandiko z'agaciro ze bwite n'izo afitiye abandi bafite uruhare muri CSD. (3) Ucuha CSD afata ingamba zikwiye kugira ngo inyandiko z'agaciro z'abafite uruhare muri CSD zibitswe n'undi muntu zishobore gutandukanywa n'inyandiko z'agaciro z'ucunga CSD, harimo iz'undi muntu, hashingiwe kuri konti zanditswe mu buryo butandukanye mu bitabo by'uwo muntu cyangwa hashingiwe ku zindi ngamba zafatwa muri urwo rwego. (4) Ucuha CSD n'ufite uruhare muri CSD barinda uburenganzira bw'abakiriya ku nyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga. Ntibashobora kuzigira izabo cyangwa kuzikoresha mu nyungu zabo cyangwa z'abandi bantu, keretse mu buryo buteganywa n'iri tegeko cyangwa buteganywa n'amasezerano yerekeye ihuzabwishyu cyangwa abakiriya bemeye ku buryo budashidikanywaho iryo koresha.	books, securities held for its account from those held for the account of its CSD participants. (3) A CSD operator takes the necessary steps to ensure that CSD participants' securities deposited with a third party are identifiable separately from any securities belonging to a CSD operator, including in its capacity as CSD operator, and from securities belonging to that third party, on the basis of differently titled accounts on the books of the third party or other equivalent measures that achieve the same level of protection. (4) A CSD operator and CSD participant safeguard the ownership rights of their respective clients over the book-entry securities. Under no circumstances, except as permitted by this Law or under any provision of an agreement relating to netting, may they appropriate or otherwise use securities for their own interest or for the benefit of third parties, unless the clients expressly accept the use.	propres titres, ou tout en combinant les deux. Un opérateur du CSD sépare, dans ses livres, les titres détenus pour son compte de ceux détenus pour le compte de ses participants du CSD. (3) Un opérateur du CSD prend les mesures nécessaires pour que les titres de participants du CSD déposés auprès d'un tiers soient identifiables séparément des titres appartenant à un opérateur du CSD, y compris en sa qualité d'opérateur du CSD et des titres appartenant à ce tiers, sur la base de comptes intitulés différemment dans les livres du tiers ou d'autres mesures équivalentes permettant d'atteindre le même niveau de protection. (4) Un opérateur du CSD et un participant du CSD préservent les droits de propriété de leurs clients respectifs sur les titres inscrits en compte. Ils ne peuvent, en aucune circonstance, sauf autorisation de la présente loi ou d'une disposition d'un accord relatif à la compensation, s'approprier ou autrement utiliser lesdits titres à leur propre avantage ou au bénéfice de tiers, à moins que les clients n'y aient expressément consenti.
--	---	--

<u>Ingingo ya 16: Gutanga inyandiko y'amakuru ya konti</u>	<u>Article 16: Issuance of statements of accounts</u>	<u>Article 16 : Délivrance de relevés de comptes</u>
(1) Ucuha CSD aha ufite konti amakuru y'inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa zanditswe mu izina ry'ucunga CSD nk'urwego, cyangwa isosiyete yemewe mu gihe no mu buryo buteganywa n'amabwiriza y'Urwego. (2) Ufite konti ashobora, igihe icyo ari cyo cyose kandi abikoze mu nyandiko, gusaba ucuha CSD kumuha amakuru y'inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa zanditswe mu izina ry'ucunga CSD cyangwa isosiyete yagenwe ihagarariye ufite konti. (3) Ucuha CSD, amaze kubimenyeshwa mu nyandiko aha ufite konti inyandiko y'amakuru ya konti. (4) Inyandiko y'amakuru ya konti itanzwe, iba ikimenyetso gifite ishingiro cy'ibivugwa mu nyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga.	(1) A CSD operator issues statements of accounts to the account holder, in respect of book-entry securities held by or registered in the name of a CSD operator in its capacity as CSD operator, or nominee company at the time and in the manner prescribed in the regulations. (2) The account holder may, at any time, by written notice, require a CSD operator to issue to him or her a statement of accounts in respect of all or any of the book-entry securities for the time being held in custody by, or registered in the name of a CSD operator, or its nominee company on behalf of the account holder. (3) A CSD operator, upon receiving written notice, issues the required statement of accounts to the account holder. (4) A statement of accounts issued is the true evidence of the matters specified in book-entry securities.	(1) Un opérateur du CSD délivre au titulaire de compte des relevés de comptes relatifs aux titres inscrits en compte détenus ou enregistrés au nom d'un opérateur du CSD en sa qualité d'opérateur du CSD ou de société autorisée au moment et de la manière prescrits dans les règlements. (2) Le titulaire de compte peut, à tout moment, par notification écrite, exiger d'un opérateur du CSD qu'il lui délivre un relevé de compte relatif à tout ou partie des titres inscrits en compte détenus en dépôt par un opérateur du CSD, ou enregistrés au nom de celui-ci, ou par sa société autorisée pour le compte du titulaire de compte. (3) Dès réception d'une notification écrite, un opérateur du CSD délivre au titulaire de compte le relevé requis. (4) Un relevé de compte délivré fait foi quant aux éléments indiqués dans des titres inscrits en compte.

<u>Ingingo ya 17: Inshingano y'ucunga CSD yo kubika amakuru na konti</u> (1) Ucuha CSD abika cyangwa agatuma habikwa, amakuru na konti bimwerekeye cyangwa byerekeye uburyo akoramo ibikorwa bya CSD, nk'uko biteganywa mu mabwiriza ngengamikorere ya CSD, amahame ngenderwaho y'ibaruramari cyangwa amabwiriza cyangwa amabwiriza yihariye y'Urwego. Amakuru na konti bibikwa mu bisobanuro birambuye bituma nibura hagaragazwa neza ibikorwa by'ucunga CSD, inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga, imirimo, ingwate, ihererekanya n'uburenganzira ku mafaranga yishyuwe ndetse n'inyungu z'abafite uruhare muri CSD n'iz'abafite konti. (2) icyanditswe mu makuru cyangwa muri konti kigaragaza itariki n'isaha cyandikiweho n'umwirondoro w'uwayanditse. (3) icyanditswe mu makuru cyangwa muri konti gifatwa nk'aho icyanditswe cyangwa cyatangiwe uburenganzira bwo kwandikwa n'ucunga CSD, keretse hatanzwe ikimenyetso kibivuguruza.	<u>Article 17: Responsibilities of a CSD operator to keep records and accounts</u> (1) A CSD operator keeps or causes to be kept, records and accounts, in respect of itself, and its conduct of CSD activities, as are required under its CSD rules, applicable accounting standards or the Authority's regulations or directives. Records and accounts keep sufficient detail to as a minimum, clearly record the activities of a CSD operator, book-entries of securities, transactions, any collateral, transfers and entitlements to payments and the interests of CSD participants and account holders. (2) Any entry in the records or accounts specifies the date and time of making an entry and the identity of the person making the entry. (3) Any entry in the records or accounts is deemed to have been made by or with the authorisation of a CSD operator, unless the contrary is proved.	<u>Article 17 : Attributions d'un opérateur du CSD consistant à tenir des registres et des comptes</u> (1) Un opérateur du CSD tient ou fait tenir, des registres et comptes relatifs à ses propres opérations ainsi qu'à l'exercice de ses activités de CSD, requis conformément à ses règles du CSD, aux normes comptables applicables et aux règlements ou directives de l'Autorité. Ces registres et comptes contiennent un niveau de détails suffisants pour documenter clairement, au minimum, les activités d'un opérateur du CSD, les inscriptions en compte de titres, les transactions, les garanties, les transferts et les droits au paiement ainsi que les intérêts des participants du CSD et titulaires de compte. (2) Toute inscription portée dans les registres ou comptes précise la date et l'heure de l'inscription ainsi que l'identité de la personne qui l'a effectuée. (3) Toute inscription portée dans les registres ou comptes est réputée avoir été effectuée par un opérateur du CSD ou avec son autorisation, sauf preuve du contraire.
---	---	---

<u>Ingingo va 18: Kubika inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga n'inshingano zo kuzirinda</u> (1) Ufite uruhare muri CSD akora ku buryo igiteranyo cy'inyandiko z'agaciro zose abitse kiba kingana n'igiteranyo cy'umubare w'inyandiko z'agaciro acunga ziri mu byiciro bitandukanye kuri konti z'inyandiko z'agaciro, zaba ize cyangwa iz'abakiriya be. (2) Igihe inyandiko z'agaciro zahererekanyijwe ziruta umubare w'izatanzwe mu gihe cy'iyandikwa ry'inyandiko z'agaciro zibitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa mu gihe zibikiwe ibyemezo mu mpapuro, igihombo kigabanywa hagati y'abazihuriyeho hakurikijwe uburenganzira buri wese azifiteho. (3) Ucuha CSD ariyozwa n'ufite uruhare muri CSD, umukiriya we n'undi muntu urebwa n'amasezerano mu by'imari yemewe, ibyangiritse cyangwa ibihombo bitewe n'imikorere, imyitwarire mibi ye igambiriwe, uburangare bwe cyangwa uburangare bw'abakozi be cyangwa bw'undi yahaye ububasha bwo kumukorera imirimo imwe cyangwa yose.	<u>Article 18: Holding of book-entry securities and responsibilities to safeguard them</u> (1) A CSD participant keeps an aggregate number of securities equal to the aggregate number of securities of each category credited to securities account whether for his or her own or for his or her clients. (2) When the number of securities of a given category in circulation exceeds the number of securities initially issued during dematerialisation or during the immobilisation, the loss is borne by the co-owners in proportion to their respective rights. (3) A CSD operator is liable to each CSD participant, to any client of a CSD participant, and to any other party to a collateral agreement or qualified financial contract for any consequential damage or losses caused by its own poor performance of its functions, its intentional fault or misconduct, its negligence or negligence of its staff or of any outsourced service provider to which it has assigned the	<u>Article 18 : Détention de titres inscrits en compte et attributions de leur garde</u> (1) Un participant du CSD détient un nombre cumulé de titres égal au nombre total de titres de chaque catégorie qui sont crédités sur le compte de titres, que ce soit pour son compte propre ou pour celui de ses clients. (2) Lorsque le nombre de titres en circulation pour une catégorie donnée dépasse le nombre de titres initialement émis lors de leur dématérialisation ou immobilisation, la perte en résultant est répartie entre les coindivisaires au prorata de leurs droits respectifs. (3) Un opérateur du CSD est tenu responsable, à l'égard de chaque participant du CSD, des clients d'un participant du CSD ainsi que de toute autre partie à un contrat de garantie ou à un contrat financier éligible, de tout dommage ou de toute perte indirecte découlant d'un manquement dans l'exécution de ses fonctions, d'un acte fautif ou intentionnel, ou d'une négligence imputable à lui-même, à son personnel ou à
--	---	--

(4) Uburyozwe bw'ucunga CSD harimo nko kuba icyangiritse cyangwa igihombo cyaratewe n'ikibazo cyangwa ikosa mu buryo bukoreshwa n'ucunga CSD, bigatuma we n'undi yahaye ububasha bwo kumukorera imirimo bananirwa kubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko. (5) Urwego rukoresha ububasha n'uburenganzira mu rwego rwo kurinda inyungu z'ufite uruhare muri CSD, umukiriya we, ufite konti, urebwa n'amasezerano mu by'imari yemewe cyangwa andi masezerano y'ubugwate, cyangwa mu gihe biri mu nyungu za rubanda cyangwa iz'isoko ry'imari n'imigabane. Urwego rushobora gukoresha ububasha ruhabwa hatitawe ku kuba ucunga CSD, ufite uruhare muri CSD, undi muntu cyangwa urebwa n'amasezerano ufite uruhare mu gikorwa cy'imari, bisabwa cyangwa bidasabwa guhabwa uruhushya n'Urwego.	authority to carry out part or whole of its activities. (4) The liability of a CSD operator includes where the damage or loss is a consequence of the failure or an error in any system utilised or operated by a CSD operator and the failure of any provider of outsourced services and for the failure to comply with any provisions of this Law. (5) The Authority exercises powers and rights available to protect the interest of the CSD participant, any client of a CSD participant, any account holder, a party to a qualified financial contract or any collateral agreement, or where it is otherwise in the interests of the public or the capital market. The Authority may exercise its powers irrespective of whether any CSD operator, CSD participant or other person or party to a transaction is required to be licensed by the Authority.	tout prestataire à qui tout ou partie de ses activités ont été externalisées. (4) La responsabilité d'un opérateur du CSD s'étend aux cas où le dommage ou la perte résulte d'une défaillance ou d'une erreur de tout système utilisé ou exploité par lui, d'un manquement de tout fournisseur de services externalisés et du non-respect de toute disposition de la présente loi. (5) L'Autorité exerce les pouvoirs et les droits qui lui sont conférés pour protéger les intérêts d'un participant du CSD, de tout client d'un participant du CSD, de tout titulaire de compte, d'une partie à tout contrat financier éligible ou contrat de garantie, ou lorsque cela est autrement dans l'intérêt du public ou du marché des capitaux. L'Autorité peut exercer ses pouvoirs indépendamment du fait qu'un opérateur du CSD, tout participant du CSD ou toute autre personne ou partie à une transaction soient soumis ou non à une obligation d'agrément auprès de l'Autorité.
<u>Ingingo ya 19: Ibikwa ry'innyandiko</u> (1) Ucunga CSD n'ufite uruhare muri CSD bafata ingamba zishoboka kugira ngo ibitabo n'innyandiko bibitswe byerekeye	<u>Article 19: Record retention</u> (1) A CSD operator and CSD participant take all the necessary precautions to ensure the accuracy of their books and records in	<u>Article 19 : Conservation de documents</u> (1) Un opérateur du CSD et un participant du CSD prennent toutes les précautions nécessaires pour garantir l'exactitude de

ibikorwa byabo, ibikorwa bya CSD n'ibyakozwe n'ucunga CSD bitabamo amakosa. (2) Ucuha CSD n'ufite uruhare muri CSD babika inyandiko z'ibyakozwe byose mu gihe cy'imyaka icumi ibarwa uhareye ku muni igikorwa kirangiriyeho kandi bagakora ku buryo abakeneye amakuru ari muri sisitemu zabo bayageraho. (3) Inyandiko zishyunguye z'ucunga CSD n'iz'ufite uruhare muri CSD zishobora kubikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga, ariko ibiteganywa n'iyi ngingo byerekeye kubika inyandiko, kwinjira no kuzigenzura bikubahirizwa. (4) Inyandiko zishyunguye zishyirwa ahatuma zigenzurwa kandi zikinjirwamo n'Urwego cyangwa undi muntu washyizweho n'Urwego. Ububasha bwo kuzigenzura no gukora iperereza n'ubundi bubasha bw'Urwego bwo kwinjira mu nyubako no ku makuru no gukora igenzura cyangwa iperereza bivugwa mu itegeko rishyiraho Urwego, itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda cyangwa itegeko rigenga Urwego nk'urwego rw'ubugenzuzi, bukoreshwa ku ucunga CSD, umuntu washyizweho n'ucunga CSD, ufite uruhare muri CSD n'abandi bantu barebwa n'iri	respect of their activities. (2) A CSD operator and CSD participant retain records of all operations for a period of ten years from the day of completion of the transaction and ensure access to systems. (3) The archives of a CSD operator and of a CSD participant may be held in an electronic form provided that the requirements of this Article regarding retention, access and inspection are met. (4) The archives are available for inspection and access by the Authority or by any party appointed by the Authority. The inspection and investigation powers and any other powers of the Authority to access premises and records, undertake inspections or investigations set out by law establishing the Authority, regulating the capital markets in Rwanda or under which the Authority is appointed as the regulator apply to a CSD operator, any person appointed by a CSD operator, a CSD participant and other persons to which this Law applies and to the	leurs livres et documents relatifs à leurs activités. (2) Un opérateur du CSD et un participant du CSD conservent les documents relatifs à l'ensemble des opérations pendant une période de dix ans à compter de la date de la clôture de la transaction et garantissent l'accès aux systèmes. (3) Les archives d'un opérateur du CSD et d'un participant du CSD peuvent être conservées sous forme électronique pour autant que les exigences du présent article en matière de conservation, d'accès et d'inspection soient respectées. (4) Les archives sont disponibles pour inspection et accès par l'Autorité ou par toute partie désignée par l'Autorité. Les pouvoirs d'inspection et d'enquête et tout autre pouvoir de l'Autorité d'accéder aux locaux et aux archives et d'entreprendre des inspections ou des enquêtes énoncés dans la loi établissant l'Autorité, réglementant les marchés des capitaux au Rwanda ou en vertu de laquelle l'Autorité est nommée en tant que régulateur s'appliquent à un opérateur du CSD, à toute personne nommée par un opérateur du CSD, au participant du CSD et aux autres personnes
---	--	---

tegeko no ku makuru n'uburyo bw'ikoranabuhanga by'abantu bafite cyangwa bacunga ayo makuru cyangwa ubwo buryo bw'ikoranabuhanga.	records and systems of the persons holding or controlling the records or systems.	auxquelles la présente Loi s'applique et aux registres et systèmes des personnes qui détiennent ou contrôlent ces archives ou systèmes.
<u>Ingingo</u> va 20: Igenzura ry'amakonti n'inyandiko z'agaciro	<u>Article 20: Audits of accounts and securities</u>	<u>Article 20 : Audits de comptes et de titres</u>
(1) Mu mpera z'umwaka w'ibaruramari, ucunga CSD akoresha ubugenzuzi bw'imari bwigenga bwa buri mwaka, mu rwego rwo kugenzura niba ibyanditse muri konti z'ucunga CSD bihuye n'ibikorwa n'imikorere bya CSD, inyandiko z'agaciro zinjijwe mu bitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga, konti y'inyandiko z'agaciro hatitawe ku kureba niba izo nyandiko zarabikiwe ibyemezo mu mpapuro cyangwa zarabitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga.	(1) Each CSD operator conducts at least an annual external audit at the conclusion of its financial year in order to monitor the consistency between its accounts as CSD operator in respect of CSD activities and operations, the book-entry securities, securities account, regardless of whether they have been subject to immobilisation or dematerialisation.	(1) Chaque opérateur du CSD effectue au moins un audit externe annuel à la clôture de son exercice pour vérifier la cohérence entre ses comptes en tant qu'opérateur du CSD au titre des activités et opérations du CSD, les titres inscrits en compte, le compte de titres, qu'ils soient immobilisés ou dématérialisés.
(2) Ubugenzuzi bw'imari bwakorewe ucunga CSD n'ibikorwa bye bugomba kubamo isuzuma ryakozwe ku makuru y'amakonti n'ibarura ricukumbuye ry'ibyemezo by'inyandiko z'agaciro ziri mu buryo bw'ikoranabuhanga bw'ucunga CSD.	(2) The audit conducted in respect of a CSD operator and the CSD activities that it conducts must include a verification of the accuracy of the details shown in the records or accounts, and a stock count of all certificates held in the systems of a CSD operator.	(2) L'audit effectué à l'égard d'un opérateur du CSD et des activités de CSD qu'il mène doit comprendre une vérification de l'exactitude des détails figurant dans les registres ou les comptes, ainsi qu'un inventaire physique de tous les certificats détenus dans les systèmes d'un opérateur du CSD.
(3) Ucunga CSD ashyikiriza Urwego kopi ya raporo y'ubugenzuzi bw'imari yemejwe mu gihe kitarenze iminsi 90 ibarwa uhereye	(3) A CSD operator submits to the Authority a copy of a duly certified audit report within 90 days after the end of the financial year.	(3) Un opérateur du CSD soumet à l'Autorité une copie d'un rapport d'audit dûment certifié dans les 90 jours suivant la fin de

igihe umwaka w'ibaruramari warangiriye. (4) Raporo y'Umugenzuzi w'imari wigenga igaragaza ko ucunga CSD afite ubushobozi buhagije mu rwego rw'imari, abakozi, ikoranabuhanga ndetse ikagaragaza n'ingenze yabonye mu micungire ya CSD. (5) Bitabangamiye ibiteganywa mu mabwiriza atangwa n'Urwego, ishyirwaho ry'abagenzuzi b'imari bigenga, ikorwa ry'ubugenzuzi bwigenga n'itegurwa rya raporo y'ibaruramari bikurikiza ibisabwa mu mategeko agenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda ndetse n'amategeko n'amahame agenga ibaruramari. (6) Urwego, rukoresheje inyandiko, rushobora gutegeka ko hakorwa ubugenzuzi bw'imari, harimo n'ubugenzuzi bw'imari budasanzwe, kuri bimwe cyangwa byose mu bikorwa bya CSD bukishyurwa n'ucunga CSD. <u>Akiciro ka 2: Gucuruza inyandiko z'agaciro no kwandika kuri konti y'inyandiko z'agaciro</u>	(4) The external audit report includes an assurance as to the adequacy of a CSD operator's resources, including technology, finance and human resources and its processes and any report on any deficiencies observed. (5) Without prejudice to the regulations issued by the Authority, the requirements of the laws regulating capital markets in Rwanda and applicable accounting standards and principles apply to the appointment of auditors and conduct of audits and preparation of accounts. (6) The Authority may, by notice in writing, direct that an audit, including a special audit, be conducted of an aspect of, or all of a CSD activities and a CSD operator at the expense of a CSD operator. <u>Subsection 2: Securities transactions and entries in securities accounts</u>	l'exercice financier. (4) Le rapport d'audit externe inclut une assurance quant à l'adéquation des ressources d'un opérateur du CSD, y compris la technologie, les finances et les ressources humaines, ainsi que ses processus et fait état de toute forme de défaillances constatées. (5) Sans préjudice des règlements émis par l'Autorité, les exigences des lois régissant les marchés des capitaux au Rwanda et les normes et principes comptables en vigueur s'appliquent à la nomination des auditeurs et à la conduite des audits et à la préparation des comptes. (6) L'Autorité peut, par notification écrite, ordonner la réalisation d'un audit, y compris un audit spécial, portant sur un aspect ou sur l'ensemble des activités de CSD et d'un opérateur du CSD, aux frais de ce dernier. <u>Sous-section 2 : Opérations sur titres et inscriptions dans les comptes de titres</u>
--	--	--

<u>Ingingo ya 21:</u> Ibibujijwe mu kwakira cyangwa gucuruza inyandiko z’agaciro zinijijwe mu bitabo mu buryo bw’ikoranabuhanga n’ucunga CSD (1) Ucuha CSD ntiyemerewe kugura, kwakira cyangwa gucuruza inyandiko z’agaciro zinijijwe muri konti nka nyir’ ubwite keretse ku mpamvu no mu buryo buteganywa n’amabwiriza y’Urwego cyangwa amabwiriza yihariye. (2) Ibibujijwe n’iyi ingingo ntibireba icuruzwa rikozwe na Banki Nkuru y’u Rwanda mu gihe ari yo ikora ibikorwa bya CSD.	<u>Article 21:</u> Prohibition against acquisition of, dealings in, deposited securities by a CSD operator (1) A CSD operator is prohibited from purchasing, acquiring or dealing in, any deposited securities as principal other than for such purpose and in a manner as may be permitted by the Authority’s regulations or directives. (2) The restrictions in this Article do not apply to transactions by the National Bank of Rwanda where it is a CSD operator.	<u>Article 21 :</u> Interdiction pour un CSD opérateur d’acquérir ou de négocier des titres déposés par un opérateur du CSD (1) Il est interdit à un opérateur du CSD d’acheter, d’acquérir ou de négocier, en tant que principal, des titres déposés, sauf aux fins et selon les modalités autorisées par l’Autorité dans les règlements ou directives de l’Autorité. (2) Les dispositions restrictives du présent article ne s’appliquent pas aux transactions effectuées par la Banque nationale du Rwanda lorsqu’elle agit en qualité d’opérateur du CSD.
<u>Ingingo ya 22:</u> Gutanga ingwate ku nyandiko z’agaciro (1) Iyo inyandiko y’agaciro ibikijwe itanzweho ingwate, ucuha CSD abisabwe mu nyandiko n’uwatanze ingwate ashyira iyo nyandiko y’agaciro kuri konti y’inyandiko z’agaciro yabugenewe y’uwahawe ingwate. (2) Inyandiko y’agaciro yatanzweho ingwate ntiherekanywa kandi nticuruzwa. (3) Iyo ubusabe bwakozwe n’uwahawe ingwate	<u>Article 22:</u> Pledging of securities (1) If a deposited security is pledged, a CSD operator, upon written request by the pledgee, transfers a security into the pledgee’s securities account maintained for the purpose. (2) Pledged securities are restricted from settlement and transfer. (3) If the request is made by a pledgee as	<u>Article 22 :</u> Mise en gage de titres (1) Lorsqu’un titre déposé est mis en gage, un opérateur du CSD, sur demande écrite du créancier gagiste, transfère ce titre sur le compte de titres du créancier gagiste tenu à cet effet. (2) Les titres mis en gage sont exclus de toute opération de règlement-livraison et de transfert. (3) Lorsqu’une demande est faite par un

mu buryo buteganywa mu gika cya (1), ubwo busabe buherekezwa n'inyandiko igaragaza ko iyo ngwate yagenewe uwahawe ingwate kandi ko ikurikije ibisabwa biteganywa n'amabwiriza ngengamikorere ya CSD. (4) Ucuha CSD abika inyandiko z'agaciro zatanzeho ingwate n'abafite uburenganzira bukomoka kuri izo ngwate. (5) Iyo ingwate ku nyandiko y'agaciro yabikijwe imaze guhererekanywa, ucuha CSD, amaze kubona inyandiko y'uwahawe ingwate ibyemeza, ashya inyandiko z'agaciro zabikijwe kuri konti y'inyandiko z'agaciro y'uwatanzwe ingwate. (6) Ibivugwa muri iyi ngingo ntibihwa ucuha CSD inshingano zo gukurikirana, kurengera, kubahiriza cyangwa gushyira mu bikorwa amasezerano cyangwa ibyumvikanyweho hagati y'uwatanzwe ingwate n'uwahawe ingwate. <u>Icyiciro cya 3: Ifatira, uburenganzira bw'ibanze, uburyozwe, kwishyurwa mbere igihe cy'igihombo n'irangiza ry'inshingano</u>	provided under Paragraph (1), the request is supported by documents evidencing a pledge in the pledgee's favour and comply with the requirements specified in the CSD rules. (4) A CSD operator maintains a record of pledged securities and security interests therein. (5) If a pledge over a deposited security has been released, a CSD operator transfers, upon receipt of a notice in writing from the pledgee confirming the same, the deposited securities into the securities account of the pledgor. (6) The provisions of this Article do not require a CSD operator to monitor, protect, enforce or give effect to any agreement or arrangement between the pledgor and the pledgee. <u>Section 3: Attachment, liens, liability, precedence in case of insolvency and discharge of obligations</u>	créancier gagiste conformément au paragraphe (1), la demande est étayée par des documents attestant du gage en faveur du créancier gagiste et est conforme aux exigences spécifiées dans les règles du CSD. (4) Un opérateur du CSD tient un registre des titres mis en gage et des sûretés constituées sur ces derniers. (5) Lorsqu'un gage sur un titre déposé a été libéré, un opérateur du CSD transfère, dès réception d'un avis écrit du créancier gagiste, le confirmant, les titres déposés sur le compte de titres du constituant du gage. (6) Les dispositions du présent article n'imposent pas à un opérateur du CSD l'obligation de surveiller, de protéger, de faire respecter ou de donner effet à tout accord ou arrangement entre le constituant du gage et le créancier gagiste. <u>Section 3 : Saisie, privilèges, responsabilité, priorité en cas d'insolvabilité et d'exécution des obligations</u>
--	--	--

<u>Ingingo ya 23: Uburenganzira bwo kwishyurwa hakoreshejwe inyandiko z'agaciro</u> (1) Inyandiko z'agaciro zanditswe mu bitabo by'ucunga CSD ntizishobora na rimwe gufatirwa keretse bikoze n'ucunga CSD ubwe kugira ngo yiyishyure serivisi zakozwe mu izina ry'ufite uruhare muri CSD ndetse n'abakiriya be. (2) Amabwiriza ngengamikorere ya CSD akena ibikurikizwa kugira ngo serivisi zivugwa mu gika cya (1) zishyurwe. (3) Uberewemo umwenda na nyir'inyandiko z'agaciro bashobora gusaba uburenganzira ku nyandiko z'agaciro zidafite inkomyi ziri kuri konti y'ufite uruhare muri CSD zanditse mu izina ry'ubabereyemo imyenda. Uberewemo imyenda n'ufite uruhare muri CSD ntibemerewe kwinjira mu mitungo y'inyandiko z'agaciro cyangwa gusaba uburenganzira ku nyandiko z'agaciro z'umukiriya w'ufite uruhare muri CSD cyangwa wa nyir'umutungo nyawe.	<u>Article 23: Lien over securities</u> (1) Securities held in the books of a CSD operator may in no way be attached except by a CSD operator for the payment of the services carried out on behalf of the CSD participant and his or her clients. (2) CSD rules establish the terms of payment for the services referred to in paragraph (1). (3) A creditor of the securities holder may assert claims against the available balance of securities credited to the account of a CSD participant in the name of the debtor. The creditor of a CSD participant is not allowed to have access to or assert claims against balances of securities of the CSD participant' customer or the underlying beneficial owner.	<u>Article 23 : Privilège sur titres</u> (1) Les titres détenus dans les livres d'un opérateur du CSD ne peuvent en aucun cas être saisis, sauf par un opérateur du CSD pour recouvrer le paiement des services rendus pour le compte d'un participant du CSD et de ses clients. (2) Les règles du CSD fixent les conditions de paiement des services visés au paragraphe (1). (3) Le créancier d'un détenteur de titres peut faire valoir ses droits sur le solde disponible des titres crédités sur le compte d'un participant du CSD au nom du débiteur. Le créancier d'un participant du CSD n'est pas autorisé à avoir accès aux soldes des titres d'un client d'un participant du CSD ou de son bénéficiaire effectif ultime.
<u>Ingingo ya 24: Irangiza ry'inshingano z'uwatanze inyandiko z'agaciro</u> (1) Iyo ushinze gusoma kwishyurana w'ucunga CSD ahawe ubwishyu	<u>Article 24: Discharge of the duties of the issuer of securities</u> (1) The payment of dividends, distributions, realisations, proceeds, interests, capital,	<u>Article 24 : Accomplissement des fonctions de l'émetteur de titres</u> (1) Le paiement des dividendes, des distributions, des gains réalisés, des

